

REPUBULIKA Y'U RWANDA



Ngoma, kuwa 16/ 09 /2020
No Ref.NJY/126/07.05.06

INTARA Y'IBURASIRAZUBA
AKARERE KA NGOMA
INAMA NJYANAMA

Email: njyanamangoma@ngoma.gov.rw

Bwana Guverneri w'Intara y'Iburasirazuba

RWAMAGANA

Impamvu: Kohereza imyanzuro y'Inama Njyanama idasanzwe y'Akarere ka Ngoma yo ku italiki ya 09 Nzeri 2020.

Bwana Guverneri,

Nejejwe no kubandikira ngira ngo mboherereze ku mugereka w'iyi baruwa imyanzuro y'inama Njyanama idasanzwe y'Akarere ka Ngoma yateranye ku italiki ya 09 **Nzeri** 2020.

Mbye mbashimiye uburyo muyakiriye.

BANAMWANA Bernard



Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma

BIMENYESHEJWE

-Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu

KIGALI

-Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma

REPUBLIKA Y'U RWANDA



INTARA Y'IBURASIRAZUBA

AKARERE KA NGOMA

INAMA NJYANAMA

Email: njyanamangoma@ngoma.gov.rw

IMYANZURO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA YO KUWA 09/09/2020

Kuwa gatatu tariki ya **09 Nzeri 2020**, Inama Njyanama y' Akarere ka Ngoma yarateranye mu nama idasanzwe, iteranira mu cyumba cya Hoteli y' Akarere(East Gate Hotel) iyobowe n' Umuyobozi wayo **Bwana BANAMWANA Bernard**.

Inama yatangiye imirimo yayo sayine (10h00) za mu gitondo , yubahirije amabwiriza yo kwirinda Coronavirus , yitabirwa n' Abajyanama 24 kuri 29 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma.

Abajyanama basabye impushya ni aba bakurikira :

1. Musonera Ephrem
2. Namanya William
3. Mukankunzi Pelagie
4. Mapambano Nyiridandi Cyriaque
5. Uwingabire Fausca

Inama yitabiriwe kandi n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere n'abayobozi b'amashami ku Karere.

Mu ijambo, rye atangiza inama,Umuyobozi w' Inama Njyanama y' Akerere ka Ngoma, yahaye ikaze abitabiriye inama ,abasobanurira impamvu habaye inama idasanzwe yatumiwe mu buryo bwihutirwa. Yakomeje abifuriza inama nziza ,abasaba gutanga ibitekerezo ku ngingo zigwaho; akomeza abagezaho ibiri ku murongo w'ibygwa.

1

INGINGO ZIRI KU MURONGO W'IBYIGWA :

1. Gusuzuma no kwemeza ibihano bigenerwa abatubahiriza amabwiriza yo kwirinda COVID-19
2. Kugezwaho raporo ya audit committee mu nama Njyanama y'Akarere.
3. Kwemeza amahoro ya parkingi y'imodoka.

Abari mu nama bamaze kugezwaho gahunda y'inama barayemeje , maze basuzuma ingingo ku yindi.

INGINGO YA MBERE: Gusuzuma no kwemeza ibihano bigenerwa abatubahiriza amabwiriza yo kwirinda covid-19

Abagize inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma bagejweho umushinga w' amabwiza agena ibihano by'abatubahiriza amabwiriza yo kurwanya COVID-19, nk' uko yateguwe na komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza mu Nama Njyanama y'Akarere.

Umwanzuro wa 1:

Abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma, bamaze kuwunguranaho ibitekerezo bemeje ibihano by'abatubahiriza amabwiriza yo kurwanya COVID-19 .

INGINGO YA KABIRI: Kugezwaho raporo ya Audit Committee mu Nama Njyanama y'Akarere.

Abari mu nama bagejweho raporo y'ishyirwa mubikorwa ry'Inama zatanzwe n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta mu mwaka 2018-2019 ; nk'uko byagaragajwe mu bice bibiri : 1) Kubahiriza amategeko n'amabwiriza ; 2) ibijyanye n'imali.

Abari mu nama bamaze kugezwaho ibyavuye mu bugenzuzi , basanze hari bimwe bitarashyirwa mu bikorwa bingana na 27/41. Muri byo hari bimwe byahawe umurongo bifatirwa umwanzuro :

- ❖ Ibibazo byagaragaye mu birarane by'ubwisungane mu kwivuza (MUSA) mu bigo nderabuzima n'ibitaro ; Umugenzuzi Mukuru w' Imali ya Leta yagaragarije akarere ikosa ryo kutandika umwenda mu bitabo by'Ibarura mari. Akarere kagaragaje ko mu gihe cy'igenzura , MINICOFIN yabaze inyemezabuguzi (factures) yasanze zarahawe Section; ariko hakaba hari izindi zari zitarahabwa Section ibigo nderabuzima zazanye nyuma. Akarere kasobanuye kandi ko impamvu izo nyemezabuguzi (factures) katazishyize mu myenda yako , ari uko ibigo nderabuzima aribyo byari bifiye umwenda bikaba byari byarawanditse mu myenda yabyo .



2



Umwanzuro wa 2 :

Abari mu nama bamaze gusesengura iki kibazo basabye ko ubuyobozi bw'akarere bwakandikira MINICOFIN bukagaragaza factures zasuzumwe n'abagenzuzi kugirango izatange umurongo w'ibirarane bya Mutuelle.

- ❖ **Ibibazo byagaragajwe n'Umugenzuzi w'Imari ya Leta bifatanye isano n'imyinjirize y'imisoro n'amahoro.**

Umwanzuro wa 3 :

Abari mu nama bamaze gusesengura iki kibazo bemeje ko akarere kakomeza gukorana na RRA kuko itaratanga uburyo buhagije bwo gukoresha system y'imisoro (RLGMS) , kugeza igihe ikibazo cyakemuka.

- ❖ **Ibibazo byagaragaye mu micungire y'imiyoboro y'amazi akurikiranwa na WATRESCO bijyanye n'umwenda ungana n'amafaranga 22,671,933 frw n'ibihano by'ubukererwe bingana n'amafaranga 3,827,180 frw.**

Umwanzuro wa 4 :

Abari mu nama bamaze gusesengura iki kibazo bemeje ko Komite Nyobozi yakurikirana iki kibazo ikagikemura vuba byihutirwa.

- ❖ **Ibibazo byagaragaye mu gutinda kohereza amafaranga ya Capitation Grants no gutinda gusaba transfert mu kugaburira amashuri**

Umwanzuro wa 5 :

Abari mu nama bamaze gusesengura iki kibazo , bemeje ko inzandiko zose zisobanura ibyagiye bikorwa mu rwego rwo gushyira mu bikorwa inama zishyikirizwa abagenzuzi bwite b'akarere bakazireba.

- ❖ **Ibibazo byagaragaye mu ishyirwa mu bikorwa ry'amabwiriza ya Minisitiri mu gukusanya , kohereza nogukoresha amafaranga y' abakoresha ubuvuzi bw'ibanze**

Umwanzuro wa 6 :



Abari mu nama bamaze gusesengura iki kibazo bemeje ko ubuyobozi bw'akarere bwakandikira MINISANTE , buyibaza uko ibitabo byo kwandikamo bizaboneka.

- ❖ **Ibibazo byagaragaye mu micungire ya serivisi y'Imari ya VUP muri gahunda nshya ndetse n'iya kera arizo : inguzanyo zatanzwe ku gipimo gito muri financial Service n'inguzanyo zitaragarurwa zishyurwa n'abagenerwabikorwa ba VUP**

Umwanzuro wa 7:

Abari mu nama bamaze gusesengura iki kibazo bemeje ko raporo zose zitabonetse zigaragaza ibibazo byose bijyanye n'inguzanyo za VUP, n'amafaranga ahabwa abagenerwabikorwa ba DS (Direct Support); zigomba gushakwa zose zikaboneka.

- ❖ **Kwemeza umukozi wahawe ishami ry'ubugenzuzi bwite bw'akarere**

Umwanzuro wa 8:

Nyuma yo gusuzuma amategeko agenga abagenzuzi b'akarere , abari mu nama bemeje ko GAHAMANYI Samuel asimbura MUSABWA Alice mu Ishami ry'Ubugenzuzi bw'Akarere (Internal audit).

Umwanzuro wa 9:

Nyuma yo kuganira kuri raporo yose y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta hagafatwa n'imyanzuro , abari mu nama bemeje ko Inama zose zigomba gushyirwa mu bikorwa , kandi hakagaragazwa gihamya (evidences), zigashyikirizwa abagenzuzi bwite b'akarere; izitari mu bushobozi bw'akarere nazo zigakorerwa ubuvugizi mu nzego bireba.

INGINGO YA GATATU : Kwemeza amahoro ya parkingi y'ibinyabiziga (IMODOKA)

Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma yandikiye Inama Njyanama asaba ko hemezwa amahoro ya parikingi y'imodoka . Yagaragaje ko Akarere kakoranye amasezerano na MISIC (Millenium Saving and Investement Cooperative) izakusanya amahoro ya parikingi. Akarere kasanze ari ngombwa ko hemezwa aho izo parikingi ziboneka ndetse n'icyo buri modoka izishyura hashingiwe ku bwoko bwayo ndetse n'igihe izamara muri parikingi nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira :

 4



UBWOKO BW'IBINYABIZIGA	AMAFARANGA KU ISAHA	AMAFARANGA K'UMUNSI	AMAFARANGA KU KWEZI
IMODOKA NTO	100	500	10,000
IKAMYO NTO NA MINIBUS	200	1,000	12,000
IKAMYO NINI IDAFITE RUMOROKI, BISI NINI NA TARAGITERI	400	2,000	15,000
IKAMYO IFITE RUMORUKI N'IMASHINI NINI IKORESHA MUKUBAKA NO GUKORA IMIHANDA	1,000	5,000	20,000
IKINYABIZIGA GIKURURA RUMORUKI CYANGWA IKINDI KINYABIZIGA URETSE MOTO CYISHYURIRWA AMAHORO HAKURIKIJWE IKICIRO KIRIMO			

UMWANZURO WA 10:

Abari mu nama bamaze gusuzuma impamvu yo gusoresha amahoro ya Parikingi mu karere ka Ngoma n'ibiciro bya parking z'imodoka nk'uko byagaragaye mu mbonerahwe iri haruguru barabyemeje.

Inama yashoje imirimo yayo isa cyenda n'igice z'amanywa (15H30)

Bikorewe i Ngoma kuwa 09 Nzeri 2020.

Umwanditsi w' Inama



MUKANKURANGA Beatrice

Umunyamabanga w' Inama Njyanama
y' Akarere ka Ngoma

Umuyobozi w' Inama



BANAMWANA Bernard

Perezida w' Inama Njyanama
y' Akarere ka Ngoma



AMABWIRIZA N° 001/20 YO KU WA 09/09/2020 Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA AREBANA NO GUKUMIRA IKWIRAKWIZWA RY'ICYOREZO CYA COVID-19 MU KARERE KA NGOMA.

ISOBANURAMPAMVU

Icyorezo cya COVID-19 n'icyorezo cyugarije Isi yose, aho cyagaragaye bwambere mu Gihugu cy'Ubushinwa m'Ukuboza 2019. Ku isi yose hakaba hamaze kugaragara abantu bagera ku **25,118,689** banduye icyorezo cya COVID-19, naho abagera **844,312** bakaba bamaze guhitanywa nacyo (WHO, 2020).

U Rwanda ni kimwe mu bihugu byibasiwe n'icyorezo cya COVID-19, aho umuntu wambere wanduye yagaragaye tariki ya 14/3/2020, kugeza tariki ya 07/09/2020, abantu bari bamaze kwandura icyorezo cya COVID-19 bagera kuri **4,409**, abamaze guhitanywa nacyo cyorezo bagera kuri **21**(RBC, 2020). Bityo, u Rwanda rukaba rwarafashe ingamba zo guhangana n'icyo cyorezo.

Hashingiwe ku myanzuro y'Inama y'Abaminisitiri yateranye tariki ya 26/8/2020 ishyiraho amabwiriza yo gukumira ikwirakwizwa ry'icyorezo cya COVID-19 mu Ntara no mu Mugi wa Kigali;

Hashingiwe ku itangazo ryo ku wa 27/8/2020 ry'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe iterambere (RDB) rigena imikorere y'inzu zakira abantu, ubukerarugendo, utubari;

Ashingiye kandi ko Inama y'Abaminisitiri yavuzwe haruguru yasabye Inzego z'Ibanze gukurikirana iyubahirizwa ry'amabwiriza yose y'inzego z'ubuzima mu rwego rwo kwirinda ikwirakwiza rya Covid 19, ndetse aho amabwiriza atubahirizwa, hagatangwa ibihano birimo no kuba hafungwa ibikorwa by'ubucuruzi by'abatubahirije izo ngamba;

Hashingiwe ku mabwiriza y'isuku mu Karere ka Ngoma yo muri Mutarama 2011.

Hateguwe amabwiriza akurikira:

1. AMABWIRIZA YO GUKUMIRA IKWIRAKWIZWA RY'ICYOREZO CYA COVID-19 MU BIGO BYA LETA N'IBYIGENGA

Mu rwego rwo kwirinda ikwirakwizwa ry'icyorezo cya COVID-19 ibigo bya Leta n'abakorera muri ibyo bigo barasabwa ibi bikurikira:

- Kwambara neza agapfukamunwa igihe cyose umuntu ari mu kazi cyangwa agiye ahahurira abantu benshi.
- Gushyira umuti ukoreshwa mu gusukura intoki (hand sanitizer) aho abantu binjirira.

1




- Gushyiraho aho abantu bakarabira intoki, hari amazi meza n'isabane
- Kubahiriza intera ya metero 1 hagati y'umuntu n'undi
- Kubahiriza no gukurikirana ko amabwiriza yose atangwa n'inzezo nkuru z'Igihugu ashwirwa mu bikorwa.

2. IBIHANO BIHABWA ABATUBAHIRIJE AMABWIRIZA YO KWIRINDA COVID-19

Nyuma yo kubishishikarizwa, utubahirije aya mabwiriza ahanishwa ibihano bikurikira:

No	IKOSA	Ibihano ku batubahirije amabwiriza		Icyongere-rwaho
		Gucibwa amande	Ibindi bihano	
1	Kutambara agapfukamunwa no kutakambara uko bikwiriye	Gucibwa amande: - 1.000Frw ku baturage basanzwe. - 5.000Frw ku bakozi ba Leta, Ibigo byigenga, n'Abikorera, haki yongeraho ibihano byo mu rwego rw'akazi.	Gushyirwa ahantu no kwigishwa	Kwigishwa no gusabwa kukagura kubatagafite.
2	Kutagira aho gukarabira intoki hujuje ibisabwa (kandagirukarabe) hari amazi meza n'isabune cyangwa umuti ukoreshwa mu gusukura intoki (Hand sanitizer) ku bakora ubucuruzi bwemewe n'ibigo bya Leta cyangwa iby'abikorera biri mu Karere.	Gucibwa amande angana na 20.000Frw	Gufungirwa kugeza habonetse uburyo bwo gukaraba intoki	




No	IKOSA	Ibihano ku batubahirije amabwiriza		Icyongere-rwaho
		Gucibwa amande	Ibindi bihano	
3	Kutagira akuma gapima umuriro gakora neza (infrared thermometer) ku rusengeru rwemerewe gukora, ku bigo bikora ubucuruzi bwemewe (Banki, Hotels, companies), ibindi bigo by'abikorera byakira abantu biri mu Karere ndetse n'ibigo Nderabuzima.	Gucibwa amande angana na 25.000Frw	Gufungirwa kugeza bujuje ibisabwa	NB: Akarere n'imirenge nabyo bibere intangarugero ibindi bigo byakira abantu benshi, mu gukoresha Ibyuma bipima umuriro (Infrared thermometer)
4	Ibigo by'ubucuruzi n'abacuruzi badafite uburyo bwo kwishyurwa hakoreshejwe ikorabuhanga ryemewe mu Rwanda (cashless payment system agreed in Rwanda)	Gucibwa amande: - 20.000Frw k'umucuruzi wo mu muji - 10.000Frw ku mucuruzi wo mu cyaro.	Gufungirwa kugeza igihe aboneye uburyo bw'ikorana-buhanga	Kwigishwa
5	Gukora Ubucuruzi butemewe (utubari, imikino y'amahirwe, Sawuna, n'ibindi).	Gucibwa amande angana na 50.000Frw	Gufungirwa ubucuruzi	
6	Kujya mu kabare, gukora siporo rusange no kujya mu makoraniro abujijwe.	Gucibwa amande angana na 5.000Frw		Kwigishwa
7	Kugenda mu masaha abujijwe nta burenganzira wahawe.	Gucibwa amande: - 5.000Frw kuri buri muntu uagenda n'amaguru	Gushyirwa ahantu habugenewe amasaha	




No	IKOSA	Ibihano ku batubahirije amabwiriza		Icyonge-rwaho
		Gucibwa amande	Ibindi bihano	
		cyangwa ugenda ku igare - 10.000Frw kuri Moto - 25.000Frw ku modoka no gufatira ikinyabiziga.	runaka bakigishwa	
8	Gutwara umugenzi kuri Moto atambaye mu mutwe agatambaro kabugenewe mu kwirinda Covid-19	Utwaye moto acibwa amande angana na 5.000Frw naho umugenzi agacibwa 2.000Frw		Kwigishwa
9	Kutagira umuti wujuje ubuziranenge wifashishwa mu gukora isuku (Hand sanitizer) mu binyabiziga bitwara abagenzi.	Gucibwa amande: - 10.000Frw ku modoka itwara abagenzi, - 5.000Frw kuri moto		kwigishwa
10	Kurenza umubare w'abantu bemerewe kugenda mu modoka hakurikijwe amabwiriza yo kwirinda Covid-19 (1/2 cy'abo yemerewe gutwara)	Gucibwa amande angana na 5.000Frw kuri buri muntu urenze kubo yemerewe gutwara.		Kwigishwa
11	Kwinjira ahantu hahuri- ra abantu benshi (Gare, iduka, isoko, insengero, restaurant, pharmacy n'ahandi) udakarabye	Gucibwa amande: - 5.000Frw ku kigo cyamwakiriye,		Kwigishwa

NBS

No	IKOSA	Ibihano ku batubahirije amabwiriza		Icyonge-rwaho
		Gucibwa amande	Ibindi bihano	
	intoki (cyangwa udakoresheje hand sanitizer) cyangwa kwanga gupimwa umuriro.	- 2.000Frw kuri buri muntu winjiye adakarabye intoki (cyagnwa udakoresheje hand sanitizer) n'uwanze gupimwa umuriro.		
12	Gukoresha amateraniryo gusenga mu nsengero zitujuje ibisabwa cyangwa mu ngo.	Gucibwa amande: - 50.000Frw k'urusengeru no kurugo rwasengewemo, - 2.000Frw kuri buri muntu witabiriye amasengesho (haba mu rusengeru cyangwa mu ngo).	Gufunga urusengeru kugeza babonye uburenganzir a bwo gufungurirwa.	Kwigishwa
13	Gukora ibirori n'iminsi mikuru bitemewe	Gucibwa amande: - 100.000Frw ku hantu habereye ibirori (Hotel, Restaurant) - 50.000Frw ku wakoresha uwo munsu mukuru muri Hotel, restaurant		Kwigishwa

5


188

No	IKOSA	Ibihano ku batubahirije amabwiriza		Icyonge-rwaho
		Gucibwa amande	Ibindi bihano	
		ndetse no mu ngo. - 2.000Frw kuri buri muntu witabiriye ibirori.		
14	Kurenza umubare w'abemewe kwitabira ubukwe, gushyingura n'ikiriyo.	Gucibwa amande: - 50.000Frw ku rusengero rwayoboye imihango ; - 20.000Frw kuwateguye ubukwe; - 10,000Frw k'umuryango wagize ibyago; - 2.000Frw kuri buri muntu witabiriye arenga ku mubare wemewe n'amabwiriza.	Gufungirwa	Kwigishwa Kugaragaza urutonde rw'abemerewe kwitabira uwo muhango
15	Kutagira urutonde rw'abatumiwe mu bikorwa byo gushyingura,ubukwe,ikiriyo ...	Gucibwa amande angana na 50.000 frw k'Uwakoreshije igikorwa adafite urutonde rw'abatumiwe		

 6

138

No	IKOSA	Ibihano ku batubahirije amabwiriza		Icyonge-rwaho
		Gucibwa amande	Ibindi bihano	
16	Kutubahiriza gahunda n'amasaha yagenywe yo gusenga ku nsengero zafunguriwe	Gucibwa amande angana na 25.000Frw		Kwigishwa
17	Kwitabira muri Hotel, Restaurants ibirori byahawe uburenganzira n'Ubuyobozi ariko ababyitabiriye ntibipimishije COVID-19 mu masaha 72 mbere y'ibirori.	Gucibwa amande: - 50.000Frw kuri Hotel cyangwa restaurant yakiriye ibirori - 30.000Frw ku wateguye ibirori - 5.000Frw kuri buri muntu wabyitabiriye		Kwigishwa
18	Gutwara abagenzi ku magare	Gucibwa amande: - 3,000Frw k'umunyonzi, - 1,000Frw k'umugenzi.		Kwigishwa
19	Kujugunya agapfukamunwa ahantu hatabugenewe	Gucibwa amande angana na 2.000Frw		Kwigishwa
20	Kuzererana ibicuruzwa mu ngo	Gucibwa amande angana na 5.000Frw ku mucuruzi na 1.000Frw ku muguzi.		Kwigishwa

Icyitonderwa:


 7

IBS

- Iyo ikosa ryakozwe ryongeye gukorwa, amande yateganyijwe yikuba kabiri kandi byaba ari ibikorwa by'ubucuruzi cyangwa ibikorwa byo gusenga bigafungwa.
- Aya mabwiriza yunganirwa n'andi yihariye asanzwe akurikizwa cyangwa andi ashwirwaho na za Minisiteri n'Inzego nkuru z' Igihugu zibishinzwe.
- Ku birebana n'abana usanga bakinira mu bibuga cyangwa mu mihanda, Inzego z'Ubuyobozi by'umwihariko Abanyamabanga Nshingwabikorwa b' Utugali barasabwa kubikurikirana bagasaba ababyeyi babo kubakurikirana; batabyubahiriza amande akajya acibwa ababyeyi b'abana. Ubuyobozi bugomba gukomeza gushishikariza abaturage kubahiriza amabwiriza y'isuku asanzwe ariho.
- Abari mu nama bemeje kandi ko hashwirwaho icyumweru cy'ubukangurambaga.

Bikorewe Ngoma kuwa 9 Nzeri 2020

Umwanditsi w'Inama




MUKA NKURANGA Beatrice

Umunyamabanga w'Imana Njyanama

y'Akarere ka Ngoma

Umuyobozi w'Inama






BANAMWANA Beranard

Perezida w'Inama Njyanama









y' Akarere ka Ngoma









**ABAJYANAMA B'AKARERE BITABIRIYE INAMA NIYANAMA IDASANZWE Y'AKARERE KA NGOMA YO KU ITALIKI
YA 09/09/2020**

S/N	AMAZINA	IGITSINA	UMURENGE	TEL & EMAIL	UMUKONO
1	BHASI WATA Bernard	M	ZAZA	TEL: 0787310705 EMAIL: banamwata@gmail.com	
2	WASHIMUHO Mutezimana	M	SHUKU	TEL: 074844904 EMAIL: mutemurwa@gmail.com	
3	MUKINYUKARERA Beatrice	F	Rubungo	TEL: 0788457849 EMAIL: mukinyukarera@gmail.com	
4				TEL: EMAIL:	
5				TEL: EMAIL:	
6				TEL: EMAIL:	
7				TEL: EMAIL:	
8				TEL: EMAIL:	








**ABAJYANAMA B'AKARERE BITABIRIYE INAMA NIYANAMA IDASANZWE Y'AKARERE KA NGOMA YO KU ITALIKI
YA 09/09/2020**

S/N	AMAZINA	IGITSINA	UMURENGE	TEL & EMAIL	UMUKONO
1	SINYOBYE Innocent	M	Muramba	TEL: 0788359068 EMAIL: Sinyobyeb@ppmail.com	
2	Rusumba Bw Lwin	M	Gashamba	TEL: 0788514139 EMAIL: gashambic@yaho.com	
3	KARIGESI Fausta He	F	Karembo	TEL: 0788770827 EMAIL: kolofous2020@yahoo.fr	
4	MURANYI Martin	M	KAZO	TEL: 0788849461 EMAIL: kumeti@yaho.fr	
5	MURONGA Providence	F	KAZO	TEL: 0788562953 EMAIL: prkimenya@gmail.com	
6	MURONGA Heine	F	Murunge	EMAIL: murungah@rediffmail.com	
7	MURONGA Heine	F	Murunge	TEL: 0788859444 EMAIL: murungah@rediffmail.com	
8	MURONGA Heine	M	Murunge	TEL: 0788859444 EMAIL: murungah@rediffmail.com	

**ABAYANAMA B'AKARERE BITABIRIYE INAMA NYANAMA IDASANZWE Y'AKARERE KA NGOMA YO KU ITALIKI
YA 09/09/2020**

S/N	AMAZINA	IGITSINA	UMURENGE	TEL & EMAIL	UMUKONO
1	MBARANGA Eudene Gervas	Gabo	MURAMA	TEL: 0788871752 EMAIL: eudene.mbaranga@gmail.com	
2	MURAKAZA t. Ineinyi	Gabo	Burenge	TEL: 0788130787 EMAIL: kmpicazya19@yahoo.fr	
3	GASANA Jean de Dieu	Gabo	MURAMA	TEL: 0788524525 EMAIL: jeandegasana@gmail.com	
4	Hababurama Oreste	M	Kibungo	TEL: 0788590033 EMAIL: hababurama@gmail.com	
5				TEL: 0785338779 EMAIL: kalunguzi.acandidi@gmail.com	
6	KAMUKAZI Jean	M	MURAMA	TEL: 0788643522 EMAIL: kamukazi.jean@gmail.com	
7				TEL: EMAIL	
8				TEL: EMAIL	

**ABAJYANAMA B'AKARERE BITABIRIYE INAMA NYANAMA IDASANZWE Y'AKARERE KA NGOMA YO KU ITALIKI
YA 09/09/2020**

S/N	AMAZINA	IGITSINA	UMURENGE	TEL & EMAIL	UMUKONO
1	Umunyana Florence	F	KAZO	TEL: 0783967085 EMAIL: UmunyanaFlorence303@gmail	
2	UMUHIRE Marie Providence	F	SAWE	TEL: 0788630377 EMAIL: umuhiremari@proton.me	
3	Muligo Kaduha	M	Karanso	TEL: 0788665751 EMAIL: kaduhamuligo@gmail.com	
4	Sandra NUSABURASONI	F	Zaza	TEL: 0788511285 EMAIL: musandrane@gmail.com	
5	MUKARUTESI Charlot	F	KIRUNGO	TEL: 0788467995 EMAIL: charlotmutesire@gmail.com	
6	MUKAKUKUKA Marie	F	IFRAMA	TEL: 0783341022 EMAIL: mukakukukamari2@gmail.com	
7	MUSISHA Nantwari	M	KEMERA	TEL: 0783716454 EMAIL: musishamwico001@shur.com	
8				TEL: EMAIL	